ZINDA Victor
C/O MIJESPOC
B.P. 1044
KIGALI

27/10/1999

Bwana Muyobozi w'Urubyiruko
muri MIJESPOC
KIGALI-RWANDA

**Impamvu** :
Raporo y'inama.

Bwana Muyobozi,

Tuboherereje raporo y'inama ya ATAVE yabaye tariki 14/10/1999 ikaba yari igamije gufata umurongo washingirwaho kugira ngo ibibazo biri mu mashyirahamwe y'abanyonzi bikemurwe.

Twizeye ko iri bubafashe gukurikiranira hafi uko tugerageza gufasha urubyiruko rukora akazi ko gutwara amagare gukora neza.

Murakoze.

ZINDA Victor
Umukozi m'Ubuyobozi
bw'Urubyiruko

**Bimenyeshejwe** :
Chef de Division w'Ishami
ryongera Umusaruro w'Urubyiruko
n'Amashyirahamwe yarwo.

## RAPORO Y'INAMA YAHUJE MIJESPOC N'INTEKO RUSANGE YA ATAVE

Tariki 14/10/1999 jyewe ZINDA Victor, Umukozi mm'Ubuyobozi bw'Urubyiruko ushinzwe urubyiruko rukora imirimo inyuranye m'Umugi wa Kigali natumije inama y'Inteko Rusange y'Impuzamashyirahamwe y'Urubyiruko rutwara abantu n'ibintu ku magari m'Umugi wa Kigali n'ibice bimwe bya Kigali-Ngari (Kanombe na Karuruma). Inama yayobowe nanjye. Abandi bari batumiwe muri iyo nama ni Pasiteri MUNYAGISHARI na Bwana RUSIMBI Charles ushinzwe amashyirahamwe y'urubyiruko muri Kigali.

Ibyari k'umurongo w'ibyigwa n'ibi bikurikira :

1. Kwumva ibisobanuro kuri raporo ya komisiyo y'ubugenzuzi bw'umutungo wa ATAVE
2. Gutegura gahunda y'amatora duhereye hasi ku maseta yose
3. Gufata ingamba zihamye zatuma ubuyobozi bwa ATAVE bwarushaho gukora neza.

Inama yatangiye saa ine n'igice irangira saa munani z'amanywa. Hizwe ingingo ku yindi ariko icyagaragaraga nuko abayobozi b'amaseta bitabiriye inama baje bafite icyifuzo cy'uko ubuyobozi bwa ATAVE buriho ko bwavaho bugasimbuzwa ubundi hatarimo Abdallah (Perezida) na NZEYIMANA Charles (Umunyamabanga).

Dukurikije raporo y'uugenzuzi twasanze ataba ariyo ntandaro yo gusenya ubuyobozi bwa ATAVE udahereye hasi ku maseta. Ikindi n'uko twasanze harimo ibibazo by'amatiku akomoka ku mikorere mibi y'Abayobozi bo ku maseta nkuko twagiye tubigaragarizwa mu maraporo y'Abanyamuryango binubira imikorere mibi yabo irangwa n'ubusambo, iterabwoba, kurwanira imyanya y'ubuyobozi n'ibindi.

Ikindi cyagaragaye n'uko batumvaga inama zacu uretse gusa nk'abahangana n'inzego za Minisiteri.

Twafashe umwanzuro wo kuzatumiza indi nama bakaza ari benshi hanyuma tukongera kwumvikana ku cyakorwa kugira ngo imikorere ya ATAVE n'amashyirahamwe ihuza ivugururwe. Tukaba twarumvikanye ko izaba tariki 19/10/1999 kuwa kabiri igahuza abahagarariye MIJESPOC, P.V.K n'Abashinzwe umutekano w'amashyirahamwe muri P.V.K.

ZINDA Victor

Umukozi m'Ubuyobozi